

Imfashanyigisho n'ibizimini byo kwimenyereza bigenewe abashoferi bo muri Leta ya New York

IGICE CYA 2: Uko wagumana uruhushya rwawe



CHAPTER TWO

HOW TO KEEP YOUR LICENSE

Uko wagumana uruhushya rwawe

Icyitonderwa: Ibibazo by'isubiramo biri mu bice birimo amategeko y'umuhanda (Kuva mu gice cya 4 kugeza ku cya 11 no mu byapa by'umuhanda).

Iyo ukoze ikosa rikomeye mu muhanda cyangwa ugakora amakosa menshi ariko yoroheje ushobora kwamburwa uburenganzira bwawe bwo gutwara ibinyabiziga, ugahagarikwa gutwara cyangwa ukamburwa uruhushya rwawe.

“Guhagarikwa” bisobanuye ko uruhushya rwawe (cyangwa uburenganzira bwo gutwara ibinyabiziga) ubyakwa mu gihe runaka mbere y'uko wongera kubisubizwa. Ushobora gusabwa kwishyura amande atangwa kugira ngo ukurirweho igihano cyo guhagarikwa.

“Kwamburwa” byo bisobanura ko uruhushya rwawe (cyangwa uburenganzira bwo gutwara ibinyabiziga) urwakwa burundu. Kugira ngo ubone uruhushya rushya, bisaba ko wongera kubisaba mu Ishami rishinzwe ibinyabiziga (DMV) nabwo ari uko igihe uwambuwe uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga igihe asabwa kumara kugira ngo yongere guhabwa urundi gishize. Ushobora gusabwa kwishyura amafaranga yo kongera gusaba kugira ngo uhabwe uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga. Hari igihe ubusabe bwawe butakwemerwa bitewe nuko witwaye nabi mu gihe cyahise mu bijyanye no gutwara ibinyabiziga cyangwa ukaba waranze kugendera ku bisabwa na DMV. Igihe umara wambuwe uruhushya rwawe gishobora kurenga igihe cyavuzwe muri iyi nyandiko.

“Uburenganzira bwo gutwara” bisobanura uburenganzira buhabwa abashoferi baturuka mu zindi leta bubemerera gutwara ibinyabiziga muri Leta ya New York. Busobanuye kandi uruhushya rutangwa na Leta ya New York ruhabwa umuntu utagiraga uruhushya rwo gutwara guhabwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwo muri Leta ya New York. Uburenganzira bwo gutwara bushobora guhagarikwa cyangwa ukabwakwa ku mpamvu nk'izo n'abandi bashoferi bafite uruhushya rwo gutwara rwatanzwe na Leta ya New York. Gutwara ikinyabiziga warahagaritswe cyangwa waratswe uburenganzira bwo gutwara bihanwa kimwe no gutwara ufite uruhushya rwahagaritswe cg rwasibwe.

AMATEGEKO YIHARIYE AREBA ABASHOFERI BAFITE UBURENGANZIRA N'IMPUSHYA ZO GUTWARA IBINYABIZIGA BIHABWA ABAKIRI BATO

Buri mushoferi ufite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga ruhabwa abakiri bato, uruhushya rwa burundu rwo gutwara ibinyabiziga ashobora guhabwa ibihano cyangwa agacibwa andi mande. Urugero, uruhushya rwo gutwara rwawe cyangwa uburenganzira bizahagarikwa mu minsi 60 iyo uhamwe n'ikosa rikomeye ryo mu muhanda (amanota atatu cyangwa arenga) cyangwa andi makosa abiri.

Uruhushya rwo gutwara ruhabwa abakiri bato, urushya cyangwa uburenganzira uzabyamburwa mu gihe kingana n'iminsi 60 iyo uhamwe n'ikosa rikomeye (amanota atatu cyangwa arenga), cyangwa andi makosa abiri mu mezi atandatu ya mbere umaze kongera kubona uruhushya cyangwa uburenganzira bwo gutwara nyuma yo guhagarikwa cyangwa kurwamburwa.

Nanone, uruhushya rwo gutwara ruhabwa abakiri bato, uruhushya cyangwa uburenganzira bizahagarikwa iminsi 120, igihe uhamwe n'icyaha cyo kuhereza ubutumwa bugufi cyangwa gukoresha terefone igendanwa mu gihe utwaye ikinyabiziga.

Mbere y'uko uhabwa igihe cyo gukora ikizamini cyo mu muhanda, uruhushya rwo gutwara ruhabwa abakiri bato rugomba gufatirwa mu gihe kitari muni y'amezi atandatu, hatabariwemo igihe rwamaze ruhagaritswe cyangwa urwambuwe.

Igihe cy'igeragezwa ku bashoferi bashya bose

Niba ufite imyaka 18 cyangwa irenga mu gihe watsinze ikizamini cyo mu muhanda cyo gutwara ibinyabiziga, cyangwa ukabona uruhushya nyuma y'uko wari wararwambuwe, uzakorerwa igeragezwa mu gihe cy'amezi atandatu.

Niba uhamwe n'icyaha cya DWAI (Ibisindisha), kwiruka cyane, gutwara ibinyabiziga uhubagurika, gusatira cyane uwo mukurikiranye mu muhanda, kuja mu marushanwa yo gusiganwa, cyangwa andi makosa abiri yo mu muhanda uri mu gihe cy'igeragezwa, uruhushya rwawe ruzahagarikwa mu gihe cy'iminsi 60. Numara gusozwa iyo minsi 60 yo guhagarikwa, uzakuhita ujya mu igeragezwa rindi ry'amezi atandatu. Niba uhamwe n'icyaha kimwe muri ibyo byavuzwe haruguru cyangwa andi makosa abiri muri iki gihe cy'igeragezwa rya kabiri, uruhushya rwawe uzarwakwa mu gihe cy'amezi byibuze atandatu. Niba wongeye gusubirana uruhushya rwawe nyuma yo kurwamburwa, uzakuhita usubizwa mu igeragezwa rizamara andi mezi atandatu.

Mu gihe uhamwe n'icyaha cyo kohereza ubutumwa bugufi cyangwa gukoresha terefone igendanwa mu gihe utwaye ikinyabiziga, urwo ruhushya rwo gutwara uri mu igeragezwa ruzahagarikwa mu gihe cy'iminsi 120.

Igihe wandikiwe amande

Niba wandikiwe amande, witinda – kurikiza amabwiriza ari kuri urwo rupapuro rw'amande niba wifuza kujurira. Uruhushya rwawe rwo gutwara ibinyabiziga ruzahagarikwa burundu. Nutagira icyo ukora ku mande wandikiwe bishobora kukuviramo guhita uhamwa n'icyaha ako kanya hatiriwe habaho urubanza.

Ibiri bishinzwe kwandikira abantu bakoze amakosa yo mu muhanda (TVB) nibyo byandikira amande abantu bakora amakosa yo mu muhanda mu bice bitanu bigize umujyi wa New York. Sisiteme ya TVB ituma izindi nkiko zo muri ako karere zibanda ku byaha bihanwa n'amategeko. Ibyo bikubiyemo gutwara wanyweye ku bisindisha (DWI) cyangwa gutwara ikinyabiziga kandi warahagaritswe cyangwa warambuwe uruhushya rwo gutwara. Mu bindi bice bya Leta, amakosa yo mu muhanda akemurirwa hamwe mu nkiko z'umujyi, agace, umujyi cyangwa mu mudugudu icyaha cyabereyemo z'ihana ibyaha

bihanwa n’amategako n’amakosa yo mu muhanda. Ibyo urukiko runaka rwaba rwarashyiriweho byose, buri mushoferi w’ikinyabiziga wese wandikiwe amande ashobora kujya kuhaburanira agatanga ibisobanuro kandi akaba yakunganirwa n’umunyamategeko we.

Kwandikirwa amande urahanze ya Leta

Urwego rushinzwe ibinyabiziga muri Leta ya New York ntabwo rubika amakuru y’ibihano byaciwe abashoferi bo muri NYS batwaye imodoka zidakora imirimo y’ubucuruzi bandikiwe bari ahandi hantu, uretse gusa amakosa yakorewe muri Canada. Ibyaha wahamijwe mu zindi Leta ntibyongerwa ku rutonde rw’amanota ukurwaho ashirwa ku makuru yawe yo gutwara ibinyabiziga muri Leta ya New York, uretse ibyakorewe muri Canada.

Icyakora, Uruhushya rwawe rwo gutwara ibinyabiziga muri Leta ya New York ruzahagarikwa n’utishyura amande waciwe kubera ikosa ryo mu muhanda wakoze muri Leta iyo ari yo yose ukuyemo Leta ya Alaska, California, Michigan, Montana, Oregon, Virginia or Wiscon. Uruhushya rwawe ruzakomeza guhagarikwa kugeza uyishyuye cyangwa ugize icyo ubikoraho. Kugira ngo wongere gusubirana uruhushya rwawe rwo gutwara ibinyabiziga cyangwa uburenganzira bwo gutwara bwatanze na Leta ya New York ugomba gutanga icyemezo cyerekana ko amande wayishyuye ukagishyikiriza Urwego rushinzwe ibinyabiziga muri Leta ya New York Niba uri umushoferi muri Leta iyo ari yo yose usibye izavuzwe haruguru, uruhushya rwawe ruzajya ruhagarikwa muri Leta utuyemo nutishyura amande waciwe kubera amakosa yo mu muhanda wakoreye muri Leta ya New York.

Niba urengeje imyaka 21 kandi ukaba warahamwe n’icyaha cyo gutwara ikinyabiziga wanyweye inzoga cyangwa ibindi biyobyabwenge mu yindi Leta cyangwa muri Canada, uzajya wamburwa uruhushya rwawe rwo gutwara rwatangiwe muri Leta ya New York, mu gihe cy’iminsi 90. Abashoferi bo mu zindi leta bandikiwe amande muri Leta ya New York bashobora kumenyesha Urwego rushinzwe ibinyabiziga muri Leta yabo uko byagenze.

Niba uri muni y’imyaka 21 kandi ukaba warahamwe n’icyaha cyo gutwara ikinyabiziga wanyweye inzoga cyangwa ibindi biyobyabwenge mu yindi Leta, uruhushya rwawe rwo gutwara rwatangiwe muri Leta ya New York uzarwamburwa mu gihe kigeze byibura ku mwaka umwe. Niba warahamwe n’icyaha cyo gutwara wanyweye ibisindisha uruhushya uzarwamburwa mu gihe kigeze byibura ku mwaka umwe cyangwa kugeza ugejeje ku myaka 21, ikizatinda muri byo.

Urwego rushinzwe ibinyabiziga muri Leta ya New York rubika amakuru yerekeye ibyaha byakozwe n’umushoferi uwo ari we wese wo muri New York byatewe no kutita ku bintu, kwica uwo mu bagize umuryango, urugomo byakozwe umuntu atwaye ikinyabiziga kandi bikavamo no kwica. Uruhushya rwo gutwara cyangwa uburenganzira bwo gutwara uzabwamburwa kandi n’icyangombwa kiranga ikinyabiziga gishobora guseswa kigakurwaho. Ntibigombera kuba warahamijwe icyaha muri Leta ya New York cyangwa mu yindi leta.

GUHAGARIKA URUHUSHYA BY’AGATEGANYO CYANGWA KURWAMBURWA

Impushya zo gutwara ibinyabiziga cyangwa uburenganzira bwo gutwara ibinyabiziga bishobora guhagarikwa by’agateganyo cyangwa ukabyamburwa ku bw’impamvu nyinshi. **ICYITONDERWA:** Abatwara ubwato bwa moteri cyangwa abatwara moto zigendera ku rubura bataruzura imyaka 21 bakaba banyoye inzoga nabo bagerwaho n’ibyo bihano n’amande bakamburwa ubwo burenganzira bwo gutwara ubwato bwa moteri cyangwa moto zigendera ku rubura. Ingero

z'ibintu byemewe n'amategako bituma ruhagarikwa by'agateganyo cyangwa ukarwamburwa:

Inzoga n'ibiyobyabwenge (Gice cya 9: Inzoga n'ibindi biyobyabwenge)

- Gutwara nabi wananyoye ibisindisha ku gipimo cya .18 bya rimwe ku ijana bya arukoro iri mu maraso (.18 BAC): Uruhushya rwawe ruhagarikwa igihe kingana byibuze n'umwaka umwe
- Gutwara wanyoye ibisindisha ku gipimo cya .08 bya rimwe ku ijana bya arukoro iri mu maraso (.08 BAC): Uruhushya rwawe ruhagarikwa igihe kingana byibuze n'amezi atandatu
- Gutwara ubushobozi bwo gutwara bwagabanutse kubera arukoro wanyoye (DWAI): Gutwara ruhagarikwa iminsi 90
- Gutwara ubushobozi bwo gutwara bwagabanutse kubera ibiyobyabwenge wanyoye (DWAI-drug): Uruhushya rwawe ruhagarikwa igihe kingana byibuze n'amezi atandatu
- Gutwara wanyoye ibisindisha cyangwa ibiyobyabwenge mu yindi leta (DUI): Uruhushya rwawe ruhagarikwa kuva byibura ku gihe kingana n'iminsi 90 kugeza ku mezi atandatu, bitewe n'umwanzuro w'urukiko

Kwanga gukorerwa ikizamini kigaragaza niba umuntu yanyoye (Reba nanone Igice cya 9: Inzoga n'ibindi biyobyabwenge)

- Kwanga ko bagupima, uri umushoferi urengeje imyaka 21: Uruhushya rwawe ruhagarikwa byibura igihe kingana n'umwaka umwe
- Kwanga ko bagupima, uri umushoferi urengeje imyaka 21, hakaba hatarashira imyaka itanu wambuwe uruhushya rwawe kubera kwanga gupimwa cyangwa barasanze watwaye wanyoye inzoga cyangwa ibindi biyobyabwenge: Uruhushya rwawe uzarwamburwa byibura igihe kingana n'amezi 18
- Kwanga ko bagupima incuro ya mbere, uri umushoferi urengeje imyaka 21: Uruhushya rwawe ruhagarikwa byibura igihe kingana n'umwaka umwe
- Kwanga ko bagupima incuro ya kabiri, uri umushoferi urengeje imyaka 21: Uruhushya uzarwamburwa byibura kugeza ugejeje ku myaka 21 cyangwa ku mwaka umwe, ikizatinda muri byo
- Nta kubabarira umuntu wanze gupimwa: Yamburwa uruhushya rwo gutwara mu gihe kingana byibura n'umwaka umwe

Abashoferi batarageza imyaka 21

Niba ufashwe utarageza imyaka 21, ukaba watwaye ikinyabiziga wanyoye inzoga cyangwa ibiyobyabwenge uzakabwa igihano cyo kwamburwa uruhushya rwawe mu gihe kingana byibuze n'umwaka umwe. Iyo wongeye gukora icyo cyaha ku ncuro ya kabiri kandi ukaba utarageza ku myaka 21 wamburwa uruhushya rwawe rwo gutwara mu gihe kingana n'umwaka umwe cyangwa kugeza ugejeje ku myaka 21, ikizatinda muri byo. Ibi bihano bihabwa abashoferi bakiri bato cyangwa ukaba warakoreye

amakosa mu yindi leta akaba ari naho waburaniye ugatsindwa (reba [Traffic Tickets Received Out-of-State](#))

Hagendewe ku itegeko rya “Ntawe ugomba kubabarirwa”, umushoferi utarageza ku myaka 21 uruhushya rwe gutwara ruzahagarikwa mu gihe cy’amezi atandatu niba apimwe akaba afite ibipimo biri hagati ya .02 kugeza kuri .07 bya arukoro. Ushobora kunywa icupa rimwe gusa ukagira ibipimo bya .02. Iyo wongeye gukora ikosa ribarirwa mu makosa atagomba kubabarirwa ku ncuro ya kabiri, umushoferi azamburwa uruhushya rwe mu gihe cy’umwaka umwe cyangwa kugeza agejeje imyaka 21, ikizatinda muri byo.

Umuwuduko n’andi makosa

Uruhushya rwo gutwara rwawe uzarwakwa byibuze amezi atandatu niba uhamwe n'ikosa ryo:

- Kugendera ku muwuduko mwinshi inshuro 3 na/cyangwa kwitwara nabi kurenga ku mategeko y’umuhanda mu gihe cyamezi 18 (ukurikije itariki yabikoreyeho, si itariki yo kumukatira).
- Kudepasa “Bisi y’abanyeshuri ihagaze” incuro eshatu mu myaka itatu.
- “Kugonga umuntu agakomereka cyane cyangwa ugateza impanuka ikomeye cyane” ukikomereza incuro imwe.
- Ikosa rimwe ryo "kujya mu isiganwa ry’amamodoka". Guhamwa n’ikosa ryo kujya mu isiganwa ry’amamodoka incuro ebyiri mu gihe cy’amezi 12 bikuviramo kwakwa uruhushya rwawe byibuze umwaka.

Kutagira Ubwishingizi

Uruhushya rwo gutwara rwawe uzarwakwa byibuze umwaka umwe niba utwara cyangwa ukemerera undi muntu gutwara imodoka yawe idafite ubwishingizi, cyangwa niba DMV yakiriye ibimenyetso byerekana ko wakoze impanuka yo mu muhanda udafite ubwishingizi. Niba ubwishingizi bw’imodoka yawe bwarakurikiye, ugomba gusubiza purake y’imodoka n’ikarita iyiranga ku biro bishinzwe iby’ibinyabiziga. Niba ikinyabiziga ukivanye mu muhanda kandi nticyongere gutwarwa, ugomba gusubiza purake cyangwa uguhanishwa ibihano cyangwa ugahagarikwa gutwara iyo modoka no/cyangwa guhagarika uruhushya.

Guhagarikwa kugeza igihe kitazwi/Kwamburwa uruhushya:

Uruhushya rwo gutwara rwawe na rwo ruzahagarikwa kugeza igihe kitazwi, mu gihe utabashije gutanga raporo y’impanuka, igihe wishyuye amafaranga ya DMV ukoresheje sheki itazigamiye, kunanirwa gutanga indezo y’umwana, kunanirwa kwishyura imisoro cyangwa kutubahiriza icyemezo cy’urukiko gituruka ku mpanuka yo mu muhanda wateje. Iri hagarikwa rizahita rikurikizwa kugeza ukosoye icyatumye uhagarikwa.

Sisiteme y’amanota

Sisiteme yo kwandikirwa amanota ya DMV ifasha mu gutahura “abahora bakora amakosa” ni ukuvuga abashoferi bahora bakora amakosa menshi kandi mu gihe gito. Imbonerahamwe iri muri iki gice yerekana amakosa atandukanye yo mu muhanda n’amanota bijyanye umuntu avanwaho iyo yayakoze.

** Zirikana ko amategeko yo mu muhanda akurikizwa mu mihanda minini, imihanda isanzwe, niyo mu ma karitsiye ari na yo akurikizwa ahantu rusange abantu baparika ibinyabiziga.*

Nubwo amakosa ari kuri uru rutonde atari ko yose yatuma uruhushya ruhagarikwa cyangwa rwamburwa nyirarwo, uko ukomeza kugenda ukora amakosa menshi byerekana ko haba hakwiriye kugira igikorwa.

Amanota wakuweho abarwa uherye ku itariki wakoreyeho ikosa, ntabwo ari ku itariki waburanyeyeho. Niba ugize amanota 11 cyangwa arenga mu mezi 18, umushoferi azamenyeshwa biciye mu iposita ko uruhushya rwe rwo gutwara ibinyabiziga ruzahagarikwa. Wemerewe kujurira kuri DMV ari uko gusa ufite ibihamya byerekana ko atari wowe wahamwe n’ibyo byaha. Niba waramaze guhamwa n’icyaha ntabwo wajuririra uwo mwanzuro cyangwa ngo usabe gusesa umwanzuro wo guhagarika uruhushya rwawe hagendewe ku mimerere idasanzwe.

Ushobora kugabanya amanota yawe akagera ku manota ane kandi ukagabanyirizwa 10 ku ijana by’amafaranga y’ubwishingizi bw’impanuka bw’ikinyabiziga cyawe ufata [amasomo yo kwirinda impanuka z’imodoka yemejwe na DMV](#). Kurangiza amasomo yo kugabanyirizwa amanota ntibikuraho ko wahagarikwa uruhushya cyangwa ngo ube wakwibikira amanota uzakurwaho mu gihe kiri imbere, cyangwa ngo bikureho cyangwa bigabanye igenzurwa ry’ibyo umushoferi agomba kwitaho rikorwa na DMV.

Amanota avanwa ku ruhushya rwo gutwara kubera amakosa wakoze

AMAKOSA	AMANOTA
Kwirukanka maze ibirometero byemewe ukabirenzaho kuva kuri Mayilo 1 kugeza ku 10 ku isaha	3
Kwirukanka maze ibirometero byemewe ukabirenzaho kuva kuri Mayilo 11 kugeza ku 20 ku isaha	4
Kwirukanka maze ibirometero byemewe ukabirenzaho kuva kuri Mayilo 21 kugeza ku 30 ku isaha	6

Amanota avanwa ku ruhushya rwo gutwara kubera amakosa wakoze

AMAKOSA	AMANOTA
Kwirukanka maze ibirometero byemewe ukabirenzaho kuva kuri Mayilo 31 kugeza ku 40 ku isaha	8
Kwirukanka maze ibirometero byemewe ukabirenzaho kuva kuri Mayilo 40 ku isaha kuzamura	11
Gutwara ikinyabiziga utabyemerewe bitewe n'ikintu gikomeye Incuro 1, 2 cyangwa 3	11
Gutwara wanyweye inzoga/ ibiyobyabwenge/ Gutwara nabi wanyweye inzoga/ ibiyobyabwenge/ kwanga ko bagupima	11
Kwirukanka kandi ugeze ahari gukorerwa imirimo y'ubwubatsi	8
Imodoka ndende kurenza ubuhagarike bwemewe	8
Kwanga guhagarara ngo Bisi y'ishuri ihite	8
Gutwara nabi uhubagurika	5
Kurushanwa kwirukanka cyane cyangwa Gusiganwa	5

Amanota avanwa ku ruhushya rwo gutwara kubera amakosa wakoze

AMAKOSA	AMANOTA
Gukoresha nabi terefone igendanwa	5
Gukoresha igikoresho cya eregitoronike kigendanwa “wandikirana”	5
Kwambukiranya umuhanda wa gari ya moshi	5
Kugonga umuntu agakomereka maze ukigendera	5
Kutagira amakenga	5
Kwemerera umuntu gukoresha ikinyabiziga ibyo kitagenewe	5
Kudaha inzira ufite uburenganzira bwo gutambuka mbere	3
Kugenda kandi hari kwaka itara ritukura	3
Kutubahiriza ibyapa byo mu muhanda, icyapa cyo GUHAGARARA, cyangwa icyapa cyo GUTANGA INZIRA	3
Kudepasa aho bitemewe, guhindura igisate cy’umuhanda mu buryo buteye akaga	3

Amanota avanwa ku ruhushya rwo gutwara kubera amakosa wakoze

AMAKOSA	AMANOTA
Gutwarira ibumoso bw’umuhanda, mu cyerekezo kitari icyawe	3
Gukora impanuka ukangiza ibintu ukigendera	3
Kutubahiriza amategeko y’umutekano w’abana	3
Gutwara udafite feri zihagije (Imodoka y’umukoresha)	4
Andi makosa yo mu muhanda	2
Kudacana ikinyoteri	2
Gukata utateguje	2
Kutubahiriza ibyuma biyobora ibinyabiziga	3
Ibirahure bya fime	0
Umushoferi utwaye atambaye umukandara/umugenzi ufite imyaka 16 cyangwa irenga utawambaye	3

Amanota avanwa ku ruhushya rwo gutwara kubera amakosa wakoze

AMAKOSA	AMANOTA
Kuba nta ruhushya rwo gutwara ufite	0
Kuba ikinyabiziga cyawe kitarakorewe igenzurwa	0
Kuba nta bikoresho by'ingenzi ufite	0

Icyitonderwa: Ibigo bitanga ubwishingizi bishobora kwishyiriraho uburyo bwabyo bwo kubara amanota. Ubwo buryo nta sano bufitanye n'uburyo bwo kubara amanota bwa DMV ntibugomba no kwitiranywa na bwo.

Kurenga ku mategeko yavuzwe bituma umushoferi acibwa amande kandi uruhushya rwe rwo gutwara rukaba rwafatirwa ibihano.

Kugongana

Uretse aho bigengwa n'amategeko, ijamba "impanuka" akenshi risimburwa no "kugongana" Impamvu n'uko kugongana ubusanzwe bishobora kwirindwa. Niba utwaye ikinyabiziga ukagonga umuntu agapfa, uruhushya rwawe rushobora guhagarikwa cyangwa ukarwamburwa nyuma yo kwitaba DMV niyo baba barasanze nta kosa wari ufite igihe byabaga.

AMANDE YISHYURWA N'IBIHANO

Niba uruhushya rwo gutwara rwawe rwahagaritswe mugihe kizwi, nk'iminsi 30 cyangwa iminsi 90, uruhushya rwawe ntuzarusubizwa kugeza wishyuye amadolari y'Amerika 50 yo guhagarika ihagarikwa ryarwo. Iyo wahagaritswe by'agateganyo bitewe no gukora ikosa ritababarirwa: uhanishwa kwishyura amande angana n'Amadolari y'Amerika 125 ukanishyura andi madolari 100 yo guhagarika uko guhagarikwa by'agateganyo.

Inshuro nyinshi, niba uruhushya rwawe rwo gutwara wararwatswe, ntushobora gusaba uruhushya rushya rwo gutwara kugeza igihe wishyuriye amadorari 100 adasubizwa kugirango urusabe. Ntabwo aya mafaranga uyasabwa niba uruhushya rwawe wararwambuwe bitewe no gutwara udafite ubwishingizi cyangwa niba warahawe uruhushya ariko rufite amabwiriza usabwa kubahiriza cyangwa imipaka.

Ku bantu batunze ibinyabiziga - [Hatanzwe itegeko muri 2019](#) ryemerera ibigo by'ishuri gushyira kamera kuri Bisi z'ishuri kugira ngo zifate ba nyiribinyabiziga bidepasa bisi z'ishuri mu gihe zihagaze zikuramo abagenzi cyangwa zibashyiramo no mu gihe agatara gatukura ko kuri iyo bisi kari kumyasa

- Gukora ikosa ku ncuro ya mbere - ucibwa amande angana n'amadolari 250

- Gukora ikosa ku ncuro ya kabiri mu gihe cy'amezi 18 - ucibwa amande angana n'amadolari 275
- Gukora ikosa ku ncuro ya gatatu (cyangwa nyinshi) mu gihe cy'amezi 18 - ucibwa amande angana n'amadolari 300

Nyuma yo kwamburwa uruhushya kubera ibi bikurikira, ugomba kwishyura amande yose ya DMV mbere y'uko wemererwa gusaba uruhushya rushya:

- Gutwara udafite ubwishingizi cyangwa se gukora impanuka nta bwishingizi ufite: ucibwa amande angana n'Amadolari y'Amerika 750.
- Kwanga gukorerwa ikizamini kigaragaza ko umuntu yasinze: ucibwa amande angana n'Amadolari y'Amerika 500 (waba utwaye ikinyabiziga gikoreshwa mu bucuruzi ukishyura Amadolari y'Amerika 550).
- Iyo wanze gukorerwa ikizamini kigaragaza ko umuntu yasinze kandi ukaba mu gihe cy'imyaka itanu ishize warigeze kwakwa uruhushya rwawe bitewe no kwanga gupimwa igipimo cy'inzoga, cyangwa icy'ibiyobyabwenge: uhanishwa kwishyura amande angana n'Amadolari y'Amerika 750.

AMAFARANGA UGOMBA KWISHYURA MU GIHE CY'IMYAKA ITATU (iyo wahanwe uzira kurenga kuri amwe mu mategeko y'umuhanda)

Uretse amande, ibihano amafaranga runaka agenwa n'itegeko, bishobora kuba ngombwa ko wishyura "igenzurwa ry'ibyo umushoferi agomba kwitaho" kubw'amakosa yatumye uhamwa n'icyaha cyangwa andi makosa ababishinzwe bakubonyeho. Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rwawe uruhushya rwo gutwara rwa burundu cyangwa uburenganzira bwo gutwara ibinyabiziga bizahagarikwa niba utishyuye aya mafaranga.

Mu gihe wahanwe n'amakosa yo mu muhanda wakoze ariko ukaba wari wanatwaye wanyoye inzoga cyangwa ibiyobyabwenge (Agg-DW), gutwara wanyoye inzoga zirengeje igipimo cyemewe mu mubiri (DWI), gutwara watakaje ubushobozi bwo gutekereza neza (DWAI), gutwara watakaje ubushobozi bwo gutekereza neza bitewe no kunywa ibiyobyabwenge, wavanze inzoga n'ibiyobyabwenge cyangwa ukanga ko bagukorera ikizamini cya shimi, uzasabwa kwishyura igenzura rikorerwa umushoferi ryo kureba ibyo agomba kwitaho ko yabyubahirije ryishyurwa amadolari y'Amerika 250 buri mwaka mu gihe cy'imyaka itatu ikurikiranye.

Niba warahamijwe icyaha cyangwa amakosa menshi yo mu muhanda ukandikirwa amanota 6 mu gihe cy'amezi 18, uzajya wishyura amadolari y'Amerika 100 buri mwaka mu gihe cy'imyaka itatu ikurikiranye. Kuri buri nota riyongereyeho muri icyo gihe, uzajya wishyura andi madolari 25 kuri buri nota buri mwaka mu gihe kingana n'imyaka ikurikiranye. Niba wifuza kumenya amakuru arebana n'uko ayo manota abarwa, reba "[Sisiteme y'amanota](#)" iri muri iki gice

Iri genzura rireba abashoferi bose bahamijwe ibyaha byo mu muhanda bakoze batwaye ibinyabiziga, rimwe na rimwe, ubwato bwa moteri na moto zo ku rubura. Kurangiza "Amasomo yo kwirinda impanuka" yemewe na DMV ntibizakuraho cyangwa ngo bigabanye kwandikirwa amanota atuma ukorerwa igenzura rireba ibyo abashoferi bagomba kuba bujuje.

Gutwara mu gihe ufite uruhushya rwahagaritswe by'agateganyo cyangwa warwambuwe ni icyaha gihanwa n'amategeko

Amande ateganyijwe kuva ku madolari y’Amerika 200 kugeza ku 5,000. Ushobora gufungwa igifungo kigenwa n’itegeko cyangwa ukaba wahagarikwa gutwara. Imodoka wari utwaye igafatirwa ukaba wanayakwa burundu. Ibihano bikaze bihabwa abashoferi batwara ibinyabiziga banyoye inzoga cyangwa ibiyobyabwenge kandi uruhushya rwabo cyangwa uburenganzira bwo gutwara bwabo byahagaritswe cyangwa barabyambuwe bitewe n’ubundi no gutwara banyweye inzoga cyangwa ibiyobyabwenge. Abashoferi bamaze guhagarikwa incuro 10 cyangwa zirenga kubera ko banze kwishyura amande baciwe na bo bahabwa ibihano bikaze. Abashoferi bamaze guhagarikwa incuro 20 cyangwa zirenga kubera ko banze kwishyura amande baciwe baba barahamijwe icyaha ku buryo bashobora no gufatwa n’iyo baba atari na bo batwaye ikinyabiziga igihe bafatwaga.